**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°151/03 RYO KU WA 10/06/2016 RIGENA UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI BA LETA AKORWA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'AMAHUGURWA**

**Ingingo ya 4: Gahunda y'amahugurwa y'abakozi mu rwego rwo guteza imbere ubushobozi**

**Ingingo ya 5: Ibikubiye muri gahunda y'Igihugu y'amahugurwa**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°151/03 OF 10/06/2016 DETERMINING MODALITIES FOR CONDUCTING TRAINING OF PUBLIC SERVANTS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Scope of application**

**Article 3: Definitions of terms**

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF TRAINING**

**Article 4: Training plan for capacity building for public servants**

**Article 5: Contents of national training plan**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°151/03 DU 10/06/2016 PORTANT MODALITES DE DEROULEMENT DES FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Champ d'application**

**Article 3: Définitions des termes**

**CHAPITRE II: ORGANISATION DES FORMATIONS**

**Article 4: Plan des formations dans le cadre de renforcement des capacités des agents de l'Etat**

**Article 5: Contenu d'un plan national de formation**



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Inshingano z'ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo ku bijyanye no gucunga uburyo butanga amahugurwa** | **Article 6: Responsibilities of the national institution in charge of capacity building in regard to management of training opportunities and offers** | **Article 6: Attributions de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions en ce qui concerne la gestion des opportunités de formations et leurs offres** |
| **Ingingo ya 7: Gutoranya abakozi ba Leta bagomba kujya mu mahugurwa** | **Article 7: Selection of public servants to attend training** | **Article 7: Sélection des agents de l'Etat à participer à une formation** |
| **Ingingo ya 8: Ibigenderwaho mu guhitamo abajya mu mahugurwa** | **Article 8: Selection criteria** | **Article 8: Critères de sélection** |
| **Ingingo ya 9: Kwemererwa kujya mu mahugurwa** | **Article 9: Approval to attend a training** | **Article 9: Approbation de participer à une formation** |
| **Ingingo ya 10: Amahugurwa y'umukozi ugitangira akazi** | **Article 10: Induction course** | **Article 10: Formation préparatoire** |
| **Ingingo ya 11: Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa** | **Article 11: Authorisation to attend training** | **Article 11: Autorisation de participer à une formation** |
| **Ingingo ya 12: Amahugurwa atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo** | **Article 12: Training that is not among trainings during which the Government considers its beneficiaries public servants** | **Article 12: Formation qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat** |
| UMUTWE WA III: INSHINGANO Z'UMUKOZI WA LETA WEMEREWE | CHAPTER III: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO | CHAPITRE III: OBLIGATIONS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A |



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**KUJYA MU MAHUGURWA**

**Ingingo ya 13: Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa**

**Ingingo ya 14: Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa**

**Ingingo ya 15: Gukurikira amahugurwa**

**Ingingo ya 16: Kugaruka ku kazi**

**Ingingo ya 17: Raporo y'amahugurwa**

**UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA WEMEREWE KUJYA MU MAHUGURWA**

**Ingingo ya 18: Korohereza umukozi wa Leta guhugurwa kandi anakora**

**Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka ku mukozi wa Leta uri mu mahugurwa**

**Ingingo ya 20: Umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi wa Leta uri mu mahugurwa**

**ATTEND TRAINING**

**Article 13: Contract with the beneficiary of the training**

**Article 14: Reimbursement of training funds in case of non-compliance with the training contract**

**Article 15: Participation in training**

**Article 16: Return to work**

**Article 17 : Training report**

**CHAPTER IV: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO FOR TRAINING**

**Article 18: Facilitation to a public servant in training while working**

**Article 19: Annual leave for a public servant in training**

**Articles 20: Salary and other benefits of a public servant on training**

**PARTICIPER A UNE FORMATION**

**Article 13: Contrat avec le bénéficiaire de la formation**

**Article 14: Remboursement des frais de formation en cas de non-respect du contrat de formation**

**Article 15: Participation à la formation**

**Article 16: Retour au travail**

**Article 17: Rapport de formation**

**CHAPITRE IV: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A SUIVRE UNE FORMATION**

**Article 18: Facilitation d'un agent de l'Etat en formation pendant qu'il travaille**

**Article 19: Congé annuel pour un agent de l'Etat en formation**

**Article 20: Salaire et autres avantages accordés à un agent de l'Etat en formation**



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 21: Koroherezwa ingendo** | **Article 21: Transport facilitation** | **Article 21: Indemnité de transport** |
| **Ingingo ya 22: Amafaranga y'itumanaho** | **Article 22: Communication allowance** | **Article 22: Frais de communication** |
| **UMUTWE WA V: AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA** | **CHAPTER V: FUNDING OF TRAINING** | **CHAPITRE V: FINANCEMENT DES FORMATIONS** |
| **Ingingo ya 23: Itangwa ry'amafaranga y'amahugurwa** | **Article 23: Financing of training** | **Article 23: Financement de formation** |
| **Ingingo ya 24: Kwishyura amafaranga y'amahugurwa** | **Article 24: Payment of training funds** | **Article 24: Payement des frais de formation** |
| **Ingingo ya 25: Amafaranga y'ingoboka y'urugendo rw'amahugurwa mu mahanga** | **Article 25: Incidental allowance for a training conducted abroad** | **Article 25: Frais des circonstances pour une formation à l'étranger** |
| **Ingingo ya 26: Ibarwa ry'amafaranga y'icumbi n'ayo gutunga umukozi wa Leta uri mu mahugurwa mu mahanga** | **Article 26: Calculation of accommodation and subsistence allowance for a public servant who is in a training abroad** | **Article 26: Calcul des frais de logement et de subsistance pour un agent de l'Etat en formation à l'étranger** |
| **Ingingo ya 27: Amafaranga y'ingoboka ku mahugurwa y'imbere mu Gihugu** | **Article 27: Incidental allowance on a training inside the Country** | **Article 27: Frais de circonstances pour les formations à l'intérieur du pays** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 28: Amahugurwa agikorwa** | **Article 28: On-going trainings** | **Article 28: Formations en cours** |




---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**Ingingo ya 29: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

**Ingingo 30: Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 31: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 29: Authorities responsible for implementation of this Order**

**Article 30: Repealing provision**

**Article 31 : Commencement**

**Article 29: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**Articles 30: Disposition abrogatoire**

**Article 31: Entrée en vigueur**



---------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n◦ 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n◦24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n◦24 du 13/06/2016**

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°151/03 RYO KU WA 10/06/2016 RIGENA UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI BA LETA AKORWA**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 32;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 003/03 ryo ku wa 16/01/2015 rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18/01/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**PRIME MINISTER'S ORDER N°151/03 OF 10/06/2016 DETERMINING MODALITIES FOR CONDUCTING TRAINING OF PUBLIC SERVANTS**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 32;

Having reviewed Prime Minister's Order n° 003/03 of 16/01/2015 determining modalities for training for public servants;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 18/01/2016;

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°151/03 DU 10/06/2016 PORTANT MODALITES DE DEROULEMENT DES FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 121 et 176;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 32 ;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 003/03 du 16/01/2015 portant modalités de déroulement des formations des agents de l'Etat;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/01/2016;



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa, imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga.

**Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka**

Iri teka rireba abakozi ba Leta bose bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, ndetse n'abagengwa na sitati zihariye, keretse iyo biteganywa ukundi.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° amahugurwa: inyigisho umukozi wa

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines modalities for conducting training of public servants held inside or outside the country.

**Article 2: Scope of application**

This Order applies to all public servants governed by the general statutes for public service as well as special statutes unless provided otherwise.

**Article 3: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms are defined as follows:

1° **training:** a course pursued by a public

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités de formation des agents de l'Etat, à l'intérieur du pays ou à l'étranger.

**Article 2: Champ d'application**

Le présent arrêté s'applique à tous les agents de l'Etat régis par le statut général de la fonction publique ainsi que ceux régis par les statuts particuliers s'il n'est pas prévu autrement.

**Article 3: Définitions des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes ci - après ont les significations suivantes :

1° **formation:** des cours de



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

Leta akurikira kugira ngo yongere ubushobozi bwe ku kazi ashinzwe cyangwa ubushobozi bwe muri rusange cyangwa agere ku mpamyabushobozi cyangwa impamyabumenyi yisumbuye ku yo yari afite;

2° amahugurwa y'igihe gito: amahugurwa amara igihe kiri munsi y'amezi atandatu (6) kandi adatanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, harimo ashingiye ku myigishirize igenera buri somo umubare w'amasaha uzwi, kongera ubushobozi cyangwa inyigisho mu cyiciro cyihariye cy'imirimo;

3° amahugurwa y'igihe kirekire: inyigisho zimara cyangwa zirengeje igihe cy'amezi atandatu (6) kandi zikaba zitanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'imyigishirize y'amasomo.

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'AMAHUGURWA**

**Ingingo ya 4: Gahunda y'amahugurwa y'abakozi mu rwego rwo guteza imbere ubushobozi**

servant to build his/her capacity in relation to his/her current job or capacities in general or to obtain a degree or a certificate superior to that he/she holds;

2° **short term training**: training lasting for a period of less than six (6) months and which does not lead to an award of the conventional academic certifications, including credit and capacity building based training and sector specialised training;

3° **long term training**: training lasting for a period of six (6) months or more leading to an award of the conventional academic certifications.

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF TRAINING**

**Article 4: Training plan for capacity building for public servants**

perfectionnement qu'un agent de l'Etat reçoit pour renforcer ses capacités au sein de l'emploi qu'il occupe ou ses capacités en général ou pour obtenir un diplôme ou un certificat supérieur à celui qu'il détient ;

2° **formation de courte durée**: formation faite pendant une période de moins de six (6) mois non sanctionnée par un diplôme des études académiques y compris une formation du système de crédits, celle de développement de capacités et une formation sectorielle spécifique;

3° **formation de longue durée**: une formation faite pendant une période égale ou supérieure à six (6) mois sanctionnée par un diplôme des études académiques.

**CHAPITRE II: ORGANISATION DES FORMATIONS**

**Article 4: Plan des formations dans le cadre de renforcement des capacités des agents de l'Etat**



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

Gahunda ya buri rwego rwa Leta y'amahugurwa y'abakozi y'umwaka itegurwa hakurikijwe isuzuma ry'ubumenyi buba bwagaragajwe ko bukenewe, kandi hagendewe kuri gahunda rusange yo guteza imbere ubushobozi.

Buri rwego rwa Leta ruhuza isuzuma ry'ubumenyi bukenewe, gahunda y'amahugurwa n'iteganyabikorwa ry'umwaka ry'urwego.

Buri rwego rwa Leta rugomba, rubinyujije kuri Minisiteri irureberera, kohereza ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo, gahunda y'urwego y'amahugurwa y'abakozi barwo y'umwaka, nk'igice cya gahunda rusange yo guteza imbere ubushobozi, n'ingengo y'imari yayo, bitarenze tariki ya 28 Gashyantare ya buri mwaka w'ingengo y'imari ubanziriza uwo amahugurwa ateganyijwemo, rukagenera kopi Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo, kugira ngo hategurwe gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka mu nzego z'imirimo ya Leta

Icyakora, urwego rwa Leta rudafite Minisiteri irureberera ruhita rwohereza ikigo

The annual training plan of public servants of each public institution is prepared in accordance with assessment of training needs as a sub-component of capacity building plan.

Each public institution aligns its training needs assessment and training plan to its annual action plan.

Each public institution is required, through its supervising Ministry, to submit its annual training plan, as a part of the institutional capacity building plan, and the related budget to the national institution in charge of capacity building not later than 28th February of each fiscal year preceding the year of implementing the training, with a copy to the Ministry in charge of public service, to allow preparation of the national annual training plan for public service.

However, a public institution without a supervising Ministry submits its annual

Le plan annuel des formations pour les agents de l'Etat de chaque institution publique est préparé suivant l'évaluation des besoins en formation qui fait partie du plan de renforcement des capacités.

Chaque institution publique met en ligne l'évaluation des besoins en formation et la planification des formations avec son plan d'activités annuel.

Chaque institution publique doit, à travers son Ministère de tutelle, soumettre son plan annuel de formations, en tant que partie du plan de renforcement des capacités, et le budget y relatif auprès de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions, au plus tard le 28 février de l'année budgétaire qui précède celle de l'exécution du plan des formations, avec copie au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions, afin de préparer le plan national annuel de formation dans la fonction publique.

Toutefois, l'institution publique qui n'a pas de Ministère de tutelle soumet directement son plan



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo gahunda yarwo y'amahugurwa y'abakozi barwo y'umwaka n'ingengo y'imari yayo.

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo, gishyikiriza Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka n'ingengo y'imari yayo, kugira ngo ibyemeze.

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo kigomba, nyuma y'uko gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka imaze kwemezwa, kumenyesha inzego bireba urutonde rw'abakozi bateganyirizwa kujya mu mahugurwa, igihe ateganywa kuzabera, ibyo bazahugurwamo n'aho bazahugurirwa.

**<u>Ingingo ya 5:</u> Ibikubiye muri gahunda y'Igihugu y'amahugurwa**

Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka igaragaza:

1° umubare w'abakozi ba Leta bagomba

training plan and the related budget directly to the national institution in charge of capacity building.

The national institution in charge of capacity building submits the proposed annual national training plan and related budget to the Ministry in charge of finance for approval.

The national institution in charge of capacity building is required, after approval of the national capacity building plan, to communicate to the concerned institutions a list of public servants selected for training, their training periods, programs and venue of training.

**<u>Article 5</u>: Contents of national training plan**

The annual national training plan indicates:

1° the number of public servants to be

annuel de formation et le budget y relatif auprès de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions.

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions soumet au Ministère ayant les finances dans ses attributions le plan national de formation annuel et le budget y relatif pour approbation.

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions doit, après l'adoption du plan national de renforcement des capacités, communiquer aux institutions concernées la liste indiquant les agents de l'Etat retenus pour la formation, les dates de formations, leurs programmes ainsi que le lieu de la formation.

**<u>Article 5</u>: Contenu d'un plan national de formation**

Le plan national de formation annuel indique :

1° le nombre des agents de l'Etat à former;



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

guhugurwa;

2º amahugurwa azakorwa n'impamvu;

3º aho amahugurwa azakorerwa;

4º ingengo y'imari y'amahugurwa.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo ku bijyanye no gucunga uburyo butanga amahugurwa**

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo kigomba, hashingiwe ku buryo bwabonetse bw'amahugurwa bitewe n'amasezerano y'ubufatanye yakozwe n'impande ebyiri cyangwa nyinshi hamwe n'ubundi buryo bwo kubona amahugurwa, kwita ku isuzuma ry'ubushobozi bukenewe, ingamba zo kongerera abakozi ubushobozi hamwe na gahunda y'Igihugu yo kongerera abakozi ubushobozi, kikuzuza inshingano zikurikira:

trained;

2º areas of training and rationale;

3º venue of the training;

4º allocated budget of the training.

**Article 6: Responsibilities of the national institution in charge of capacity building in regard to management of training opportunities and offers**

The national institution in charge of capacity development is required, in regard to training opportunities based on bilateral and multilateral agreements and any other training offers, to consider the assessment of the capacity needs, critical skills development policies and strategies, and the national capacity building plan in order to undertake the following responsabilities:

2º la nature des programmes de formation et motif ;

3º le lieu de la formation ;

4º le budget alloué à la formation.

**Article 6: Attributions de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions en ce qui concerne la gestion des opportunités de formations et leurs offres**

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions doit, en ce qui concerne des opportunités de formation basées sur les accords bilatéraux et multilatéraux, et autres possibilités de formation, tenir compte sur l'évaluation des besoins des capacités, les politiques de développement des compétences essentielles, les stratégies et le plan national de renforcement de capacités pour assumer les responsabilités suivantes:



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

1° gushakisha uburyo abakozi bahugurwamo hibandwa cyane ku bigo bihugura byo mu Rwanda cyangwa ibyo mu karere kandi hazirikanwa ubushobozi bukenewe ndetse n'ingango y'amafaranga agenda kuri ayo mahugurwa;

2° ku bufatanye n'ibigo nyarwanda bitanga amahugurwa, gushishikariza ibigo cyangwa impuguke zo mu mahanga kuza gutangira amahugurwa mu Gihugu mu rwego rwo guhugura abakozi ba Leta benshi;

3° kumenyesha inzego za Leta bireba uburyo bw'amahugurwa bwabonetse kandi buzireba no gukora ku buryo ubwo buryo busaranganywa inzego ku buryo bukwiye;

4° kwemeza abakozi ba Leta bajya mu mahugurwa hitabwa kuri ibi bikurikira:

a. kugenzura ko abakozi ba Leta bakeneye guhugurwa babisabiwe n'abayobozi

1° to search for possibilities of training public servants with priority to local and regional training providers while taking into consideration training expertise and cost effectiveness for that training;

2° in collaboration with local training providers, to attract international organizations or experts to provide trainings in the country in order to benefit many public servants;

3° to inform the concerned public institutions of the available and suitable training opportunities and ensure equitable distribution of such opportunities among institutions;

4° to approve public servants to attend trainings by considering the following :

a. to ensure that public servants to be trained are endorsed by competent authorities in their

1° chercher des possibilités de formation en donnant priorité aux instituts de formation locaux et régionaux et en tenant compte de l'expertise en formation et la rentabilité de cette formation;

2° en collaboration avec les instituts de formation locaux, intéresser des instituts de formation et experts internationaux de venir donner des formations dans le pays au profit de nombreux agents de l'Etat;

3° informer les instituts concernés des opportunités de formation disponibles et appropriées et assurer une répartition équitable de ces opportunités entre les institutions;

4° approuver les agents de l'Etat à participer à une formation en tenant compte de ce qui suit:

a. veiller à ce que les agents de l'Etat à former ont été recommandés par les autorités



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

babifitiye ububasha mu nzego za Leta zabo;

b. kongera gusuzuma akamaro k'amahugurwa hagereranyijwe n'amafaranga azayagendaho;

c. kugenzura niba abasabirwa kwemererwa baratoranyijwe hitawe ku bigenderwaho biteganywa n'iri teka.

**Ingingo ya 7: Gutoranya abakozi ba Leta bagomba kujya mu mahugurwa**

Umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi mu rwego rwa Leta afatanyije n'Agashami, Ishami cyangwa Urwego umukozi akoramo, bashinzwe gutoranya abakozi bagomba koherezwa mu mahugurwa bagendeye ku bigenderwaho biteganywa mu ngingo ya 8 y'iri teka.

Umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi afatanyije n'Agashami, Ishami cyangwa Urwego umukozi akoramo, bagomba gutegura raporo igaragaza abakozi

respective public institutions;

b. to re-assess the value for money and cost benefit analysis of the particular training;

c. to ensure that selection of public servants complies with the selection criteria provided for by this Order.

**Article 7: Selection of public servants to attend training**

The human resources manager in a public institution, in collaboration with the concerned unit, division or department are responsible for selecting public servants to attend the training in line with criteria provided for by Article 8 of this Order.

The human resources manager in collaboration with the concerned unit, division or department are required to prepare the report indicating the public servants selected for the training and

compétentes dans leurs institutions publiques respectives;

b. réévaluer la qualité-prix et avantages de la formation;

c. s'assurer que la sélection a été faite conformément aux critères de sélection prévus par le présent arrêté.

**Article 7: Sélection des agents de l'Etat à participer à une formation**

Le responsable des ressources humaines dans une institution publique en collaboration avec l'unité, division ou département concernés sont responsables de la sélection des agents de l'Etat qui doivent participer à la formation conformément aux critères prévus par l'article 8 du présent arrêté.

Le responsable des ressources humaines en collaboration avec l'unité, division ou département concerné doivent préparer le rapport indiquant les agents de l'Etat retenus



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

batoranyijwe kujya mu mahugurwa igashyikirizwa ubuyobozi bukuru bw'urwego bireba kugira ngo yemezwe mbere yo kuyishyikiriza umuyobozi ufite ububasha bwo gutange uruhushya rwo kujya mu mahugurwa.

**Ingingo ya 8: Ibigenderwaho mu guhitamo abajya mu mahugurwa**

Ibigenderwaho mu guhitamo abakozi ba Leta bajya mu mahugurwa ni ibi bikurikira:

1° amahugurwa agomba kuba yarateganyijwe muri gahunda y'urwego y'amahugurwa;

2° amahugurwa agomba kuba arebana n'ubushobozi bukenewe mu butegetsi bwa Leta by'umwihariko mu byiciro by'ubumenyi byihutirwa kurusha ibindi;

3° amahugurwa agomba kuba afitanye isano no kongera ubushobozi bw'umukozi wa Leta mu kazi hakurikijwe imirimo ashinzwe n'ibisabwa ku mwanya arimo;

submit it to the senior management of the concerned institution for approval before submission to the competent authority for authorization to attend training.

**Article 8: Selection criteria**

The criteria for selection of public servants eligible for training are the following:

1° the training must be provided for in the institutional training plan;

2° the training must be related to required capacities in public service particularly in priority areas;

3° the training must be related to building professional capacities of a public servant in conformity with the tasks and requirements of the post currently occupied;

pour la formation et le soumettre à la direction supérieure de l'institution concernée pour approbation avant de le soumettre à l'autorité compétente pour l'autorisation de participer à une formation.

**Article 8: Critères de sélection**

Les critères de sélection des agents de l'Etat admissibles à une formation sont les suivants:

1° la formation doit être prévue dans le plan institutionnel des formations;

2° la formation doit être dans le domaine des capacités dont la fonction publique a besoin et en particulier dans les domaines prioritaires;

3° la formation doit être en relation avec le développement de capacités professionnelles de l'agent de l'Etat par rapport aux tâches et aux exigences du poste actuellement occupé;



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

4° umukozi wa Leta agomba kuba yerekana icyizere mu kuzamuka no gutera imbere mu mirimo akora ku buryo buzagirira inyungu zifatika urwego akorera mu gihe kizaza;

5° igihe ari amahugurwa yo mu mahanga, agomba kubanza gukorerwa ubushishozi, hakarebwa niba ayo mahugurwa atakorerwa imbere mu Gihugu, kujya mu mahanga bikaba igihe amahugurwa ari mu bijyanye n'ubumenyi budafitiwe abahanga mu Rwanda, cyangwa ibijyanye n'amasomo adatangirwa mu Rwanda cyangwa mu karere;

6° gukora ku buryo hasaranganywa neza amahirwe yo guhugurwa hashingiwe ku bushobozi bukenewe mu rwego rwa Leta bireba kandi hirindwa ko amahirwe yo guhugurwa ahora ahabwa umukozi umwe;

7° umukozi wa Leta agomba kuba yararangije igihe cy'igeragezwa;

8° mu gihe hagaragaye abakandida barenze umwe babereye

4° a public servant is required to demonstrate potential career development leading to tangible future institutional benefits;

5° in case of training abroad, the training has to be explored first to verify whether it may not be conducted within the country, and going abroad is considered in case the training requires skills not available in Rwanda, or when highly specialized skills and advanced degrees cannot be provided in Rwanda or in the region;

6° to ensure equitable distribution of training opportunities on the basis of skills required within the concerned public institution and avoiding to regularly giving training opportunities only to the same public servant;

7° a public servant is required to have completed a probation period;

8° where there is more than one candidates suitable for the training

4° un agent de l'Etat doit montrer une potentialité de développement de carrière conduisant à des avantages tangibles futurs de l'institution;

5° en cas de formation à l'étranger, la formation doit être examinée pour vérifier qu'elle ne peut pas être conduite à l'intérieur du pays, et la formation à l'étranger étant applicable seulement en cas des connaissances non disponibles au Rwanda ou des connaissances très spécialisées et des diplômes qui ne peuvent pas être obtenus au Rwanda ou dans la région;

6° assurer une répartition équitable des opportunités en rapport avec les capacités requises au sein d'une institution publique et éviter la récurrence d'une seule personne à participer aux formations ;

7° un agent de l'Etat est tenu d'avoir accompli le stage probatoire;

8° lorsqu'il y a plus d'un candidat nécessitant la formation sur base des



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

amahugurwa, bitewe n'uburyo ubushobozi bukenewe, umukozi ugaragaza imikorere myiza kurusha abandi ni we utoranywa.

Icyakora, ibigenderwaho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba amahugurwa y'igihe gito abera imbere mu Gihugu ategurwa n'inzego za Leta hagamijwe kunoza imikoranire yazo no kuzuza inshingano zazo.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Kwemererwa kujya mu mahugurwa**

Ubuyobozi bw'urwego rwa Leta, ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo n'umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga uruhushya rw'amahugurwa, bashobora kwemerera cyangwa kutemerera umukozi wa Leta kujya mu mahugurwa hashingiwe ku isuzuma ryimbitse ry'ibigenderwaho biteganywa muri iri teka.

and basing on the required skills, a public servant who demonstrates the best performance is selected for the training.

However, the criteria provided for in Paragraph One of this Article do not apply to short term training organized by public institutions and held inside the country with the purpose of improving their collaboration and to fulfil their mandates.

**<u>Article 9</u>: Approval to attend a training**

The senior management of the public institution, the national institution in charge of capacity building and the competent authority to authorize training, may allow or reject a public servant's application for training basing on thorough review and assessment of the criteria provided for in this Order.

compétences requises, la préférence est accordée à l'agent de l'Etat qui prouve une meilleure performance.

Toutefois, les critères prévus au premier alinéa du présent article ne s'appliquent pas aux formations de courte durée organisées par des institutions publiques et qui se tiennent à l'intérieur du pays dans le cadre de leur collaboration et la mise en œuvre de leurs missions.

**<u>Article 9:</u> Approbation de participer à une formation**

La direction supérieure de l'institution publique, l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions et l'autorité compétente pour autoriser la formation peuvent approuver ou refuser à l'agent de l'Etat l'autorisation de suivre la formation sur base de l'analyse approfondie faite conformément aux critères prévus par le présent arrêté.



---------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**Ingingo ya 10: Amahugurwa y'umukozi ugitangira akazi**

Umukozi wa Leta ushyizwe mu mwanya mu butegetsi bwa Leta agenerwa amahugurwa yo kumumenyereza akazi gashya n'imikorere y'inzego za Leta muri rusange.

Buri rwego rwa Leta rugomba gukora ku buryo abakozi bashya babona amahugurwa yo kwimenyereza akazi gashya bashinzwe.

**Ingingo ya 11: Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa**

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa y'igihe gito imbere mu Gihugu, mbere yo kugenda ahabwa uruhushya n'Umuyobozi w'Urwego akorera, cyangwa undi muyobozi yabihereye ububasha.

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa mu mahanga ariko ayo mahugurwa akaba adatanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, ahabwa uruhushya mbere y'uko agenda na Minisitiri ufite abakozi ba

**Article 10: Induction course**

A public servant who is appointed on a post in public service benefits from an induction course enabling him/her to be familiar with his/her job and with public service functioning in general.

Every public institution must ensure that induction courses are provided to new public servants.

**Article 11: Authorisation to attend training**

A public servant who is admitted for a short term training inside the country is required, before departure, to obtain authorization for the training from the head of his/her institution or any other delegated authority.

A public servant who is selected for training abroad which does not result into academic certification is required, before departure, to obtain authorization for the training from the Minister in charge of public service, upon request by his/her employing institution and

**Article 10: Formation préparatoire**

L'agent de l'Etat nommé à un poste dans la fonction publique reçoit une formation préparatoire lui permettant de se familiariser avec son travail et le fonctionnement de l'administration publique en général.

Chaque institution publique doit s'assurer que les nouveaux agents ont reçu une formation préparatoire.

**Article 11: Autorisation de participer à une formation**

L'agent de l'Etat retenu pour une formation de courte durée à l'intérieur du pays doit, avant son départ, avoir une autorisation lui délivrée par le dirigeant de son institution ou un autre dirigeant qui en a la délégation.

Un agent de l'Etat retenu pour une formation à l'extérieur du pays qui n'est pas sanctionnée par un certificat académique doit, avant son départ, obtenir une autorisation lui délivrée par le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions sur demande de son institution de



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

Leta mu nshingano ze, abisabiwe n'urwego akorera kandi binyujijwe kuri Minisiteri ireberera urwo rwego.

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga kandi ayo mahugurwa akaba atanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, agomba, mbere y'uko agenda, gusabirwa uruhushya n'Urwego akoramo binyujijwe kuri Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze, uruhushya rugatangwa na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa nta ruhushya ahawe afatwa nk'uwataye akazi, kandi abihanirwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Amahugurwa atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo**

Amaze kubitangira ibimeneyetso, umukozi wa Leta ashobora gusaba uruhushya rwihariye rwo guhagarika akazi mu gihe kitazwi kugira ngo ajye mu mahugurwa

through the line Ministry.

A public servant who is selected for training which results into an academic certification inside the country or abroad , is required to, before departure and upon request by his/her employing institution, obtain authorization for the training from the Minister in charge of public service and through the Minister in charge of education.

A public servant who goes for training without authorization is considered to have absconded from work and is sanctioned in accordance with relevant laws.

**<u>Article 12:</u> Training that is not among trainings during which the Government considers its beneficiaries public servants**

A public servant may, upon presentation of proof, request for special authorization–for leave of absence in order to attend a long term training that is not among trainings during

travail et à travers le Ministère de tutelle.

Un agent de l'Etat retenu pour une formation à l'intérieur ou à l'extérieur du pays sanctionnée par un certificat académique doit, avant son départ, et sur demande de son institution de travail et à travers le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions, obtenir une autorisation de formation lui délivrée par le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.

Un agent de l'Etat qui part en formation sans autorisation, est considéré comme ayant abandonné le service et est sanctionné conformément aux lois en la matière.

**<u>Article 12</u>: Formation qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat**

Un agent de l'Etat peut, sur présentation des pièces justificatives, demander une autorisation spéciale de la mise en disponibilité pour participer à la formation de longue durée mais



----------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

y'igihe kirekire atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo.

Umwanya w'umukozi wa Leta wasabye kandi agahabwa uruhushya rwihariye ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ushakirwa undi mukozi hakurikijwe uburyo busanzwe nk'uko amategeko abigenga.

Nyuma y'amahugurwa, umukozi wa Leta wahawe uruhushya rwihariye rwo kujya mu mahugurwa aba afite uburenganzira bwo gushaka akazi binyuze mu buryo bwo gushaka no guhabwa akazi buteganywa n'amategeko abigenga.

**UMUTWE WA III: INSHINGANO Z'UMUKOZI WA LETA WEMEREWE KUJYA MU MAHUGURWA**

**Ingingo ya 13: Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa**

Umukozi wa Leta wemerewe amahugurwa mu mahanga cyangwa imbere mu Gihugu hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka, agomba kugirana amasezerano n'urwego rwa Leta

which the Government considers its beneficiaries public servants.

A public servant who requested for and granted with the special authorization referred to in Paragraph One of this Article ceases to be considered as a public servant and his/her post is filled through normal recruitment procedures as provided for by relevant laws.

A public servant who is issued with the special authorization for training is, upon completion of the training, entitled to the right of applying for a job in public service in accordance with relevant laws.

**CHAPTER III: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO ATTEND TRAINING**

**Article 13: Contract with the beneficiary of the training**

A public servant who is authorized to attend training inside or outside the country in accordance with provisions of this Order is required to sign a contract with the employing

qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat.

Un agent de l'Etat qui a demandé et trouvé une autorisation spéciale mentionnée à l'alinéa premier du présent article perd sa qualité d'agent de l'Etat et son poste est complété conformément aux modalités de recrutement prévues par les lois en la matière.

Après la formation, l'agent de l'Etat qui avait reçu l'autorisation spéciale de formation a droit de chercher un emploi dans la fonction publique conformément aux modalités de recrutement prévues par les lois en la matière.

**CHAPITRE III: OBLIGATIONS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A PARTICIPER A UNE FORMATION**

**Article 13: Contrat avec le bénéficiaire de la formation**

Un agent de l'Etat autorisé à participer à une formation à l'étranger ou à l'intérieur du pays conformément aux dispositions du présent arrêté doit signer le contrat avec l'institution qui



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

akorera. Ayo masezerano agaragaza ko umukozi agomba kugaruka nyuma y'amahugurwa agakorera urwego yakoreraga mbere yo kujya mu mahugurwa, igihe kidashobora kujya munsi ya:

1° umwaka umwe (1), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kigera ku mezi atatu (3) ariko kitarengeje amezi atandatu (6);

2° imyaka ibiri (2), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarengeje amezi cumi n'abiri (12);

3° imyaka itatu (3), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi cumi n'abiri (12) ariko kitarengeje amezi makumyabiri n'ane (24);

4° imyaka itanu (5) niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi makumyabiri n'ane (24).

public institution. The contract specifies that after training, the public servant is required to come back and work for the institution he/she was working for before the training for a minimum period of:

1° one (1) year if the public servant benefited from the training for a period that lasted for three (3) months but not more than six (6) months;

2° two (2) years if the public servant benefited from the training for a period that exceeds six (6) months but not more than twelve (12) months;

3° three (3) years if the public servant benefited from the training that lasted for a period that is above twelve (12) months but not more than twenty four (24) months;

4° five (5) years if the public servant benefited from a training that lasted for a period that is above twenty -four (24) months.

l'emploie. Ce contrat spécifie qu'après la formation, l'agent de l'Etat doit retourner et rester au service de l'institution qui l'employait pendant une période minimale de:

1° une (1) année si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période qui a duré trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois;

2° deux (2) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à six (6) mois mais n'excédant pas douze (12) mois;

3° trois (3) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à douze (12) mois mais n'excédant pas vingt-quatre (24) mois;

4° cinq (5) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à vingt-quatre (24) mois.

Umukozi wa Leta wemerewe gukurikirana ayandi mahugurwa kandi atararangiza gukorera urwego igihe cyemeranyijweho mu masezerano agomba gusinya andi masezerano agaragaza ikindi gihe cy'inyongera azakorera urwo rwego rumukoresha kubera ayo mahugurwa yandi yemerewe.

Urwego umukozi akorera rugomba kubika kopi y'amasezerano y'amahugurwa muri dosiye y'umukozi bireba.

Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze ashobora, hitawe ku mwihariko w'ubumenyi bukenewe mu rwego runaka, abisabwe kandi na Minisiteri bireba, gushyiraho amabwiriza yo kongera igihe kivugwa muri iyi ngingo.

Amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze agena imiterere y'amasezerano asinywa hagati y'urwego rwa Leta n'umukozi wa Leta woherejwe mu mahugurwa.

A public servant who is authorized to pursue another training before completion of the agreed period to serve the institution is required to sign another contract specifying additional period the public servant will serve the employing institution upon completion of the training.

The employing institution is required to keep a copy of the training contract in the file of the concerned public servant.

The Minister in charge of public service may, depending on skills needed within a specific sector, and upon request by the concerned Ministry, extend the period mentioned in this Article.

Instructions of the Minister in charge of public service establish a model of the contract to be signed by the employing institution and a public servant sent on training.

Un agent de l'Etat autorisé à poursuivre une autre formation avant la fin de la période convenue pour servir l'institution est tenu de signer un autre contrat spécifiant la période additionnelle pendant laquelle il va servir cette institution après la fin de la formation.

L'institution de travail doit garder une copie du contrat de formation dans le dossier de l'agent de l'Etat concerné.

Le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions peut, selon les besoins de connaissances au sein d'un secteur spécifique, et sur demande du Ministère concerné, prolonger le délai mentionné au présent article.

Les Instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions établissent un modèle du contrat qui doit être conclu entre l'institution de travail et l'agent de l'Etat envoyé en formation



---


- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**Ingingo ya 14: Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa**

Umukozi wa Leta utubahirije amasezerano y'amahugurwa ntakorere urwego rwamwohereje mu mahugurwa, agomba kwishyura amafaranga yamwishyuriwe mu mahugurwa n'andi yahawe umuryango we, ku kigereranyo cy'igihe yari asigaje gukorera urwego rwa Leta giteganyijwe mu masezerano y'amahugurwa.

Urwego rwa Leta rufite umukozi wa Leta utubahirije ibikubiye mu masezerano y'amahugurwa rugomba kubimenyesha Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo rukagenera kopi ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe umukozi wa Leta yagendeye.

**Ingingo ya 15: Gukurikira amahugurwa**

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa agomba gukurikirana amasomo yose yateganyijwe.

**Article 14: Reimbursement of training funds in case of non-compliance with the training contract**

A public servant who does not comply with the training contract and who does not serve the institution which sent him/her for training is required to return the training funds and any other funds given to his/her family on a prorata basis of the remaining period he/she was required to serve the public institution as stipulated by the training contract.

A public institution whose public servant does not comply with provisions of the training contract, must report it to the Ministry in charge of public service with a copy to the national institution in charge of capacity building in a period not exceeding thirty (30) days from the departure of a public servant.

**Article 15: Participation in training**

A public servant who is admitted to pursue a training must attend all courses as planned.

**Article 14: Remboursement des frais de formation en cas de non-respect du contrat de formation**

Un agent de l'Etat qui ne respecte pas les termes du contrat de formation et qui ne retourne pas travailler pour l'institution publique qui l'a envoyé en formation doit rembourser les frais de formation et la subvention accordée à sa famille au prorata de la période restant pour servir l'institution publique, tel que prévu par le contrat de formation.

L'institution publique dont un agent de l'Etat n'a pas respecté le contrat de formation doit en informer le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions avec copie à l'institution nationale ayant de développement des capacités dans ses attributions, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à partir de la date de départ de l'agent de l'Etat.

**Article 15: Participation à la formation**

Un agent de l'Etat admis à une formation doit suivre tous les cours prévus.



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

Umukozi wa Leta wagiye mu mahugurwa ntayakurikirane nk'uko yamuteganyirijwe nta mpamvu igaragara, asabwa kwishyura amafaranga yamwishyuriwe yose kugira ngo ajye mu mahugurwa, n'ayo yahembwe mu gihe cy'amahugurwa niba atarakoraga kandi agahanwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Kugaruka ku kazi**

Umukozi wa Leta uvuye mu mahugurwa agomba gusubira mu kazi uhereye ku munsi w'akazi ukurikira igihe uruhushya rw'amahugurwa rwarangiriye.

Umukozi wa Leta uvuye mu mahugurwa yarayoherejwemo n'umuyobozi ubifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka asubira mu mwanya w'umurimo yarimo mbere y'uko ajya mu mahugurwa.

Icyakora, Leta ishobora kumugenera undi mwanya bitewe n'ubumenyi bushya afite.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Raporo y'amahugurwa**

Umukozi wese wakoreye amahugurwa

A public servant under training who fails to attend the training as planned without any justification is required to refund the funds spent on his/her while on training and the amount of salaries received, if during the training he/she was not working and must also be sanctioned in accordance with relevant laws.

**<u>Article 16:</u> Return to work**

A public servant who completes his/her training must resume work starting from the working day following the last day of his/her authorization.

A public servant who completes training pursued on recommendation of the competent authority in accordance with provisions of this Order, returns to the job position he/she held before the training.

However, the Government may transfer him/her to a different position depending on the new skills acquired.

**<u>Article 17</u> : Training report**

Every public servant who pursues training

Un agent de l'Etat en formation qui ne suit pas régulièrement les programmes de formation comme prévus sans motif valable, est contraint de rembourser les frais dépensés pour sa formation par son institution et les salaires reçus s'il ne travaillait pas au cours de la formation et est également sanctionné conformément aux lois en la matière.

**<u>Article 16</u>: Retour au travail**

Un agent de l'Etat qui revient d'une formation doit regagner le travail au jour ouvrable suivant le dernier jour de son autorisation.

Un agent de l'Etat qui revient d'une formation faite sur recommandation de l'autorité compétente conformément aux dispositions du présent arrêté regagne son poste de travail qu'il occupait avant d'aller en formation.

Toutefois, l'Etat peut le transférer à un autre poste suivant les nouvelles compétences reçues.

**<u>Article 17</u>: Rapport de formation**

Tout agent de l'Etat ayant suivi une formation à



---


- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga, agomba gutanga raporo y'amahugurwa ku muyobozi wamwemereye kuyajyamo mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) amahugurwa arangiye, akagenera kopi:

1º urwego akorera;

2º Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo;

3º ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo.

**UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA WEMEREWE KUJYA MU MAHUGURWA**

**Ingingo ya 18: Korohereza umukozi wa Leta guhugurwa kandi anakora**

Urwego rwa Leta rwemereye umukozi gukurikira amahugurwa imbere mu Gihugu kandi anakora, mu gihe asabwa gukora ibizamini, kigomba kumugenera igihe cy'amasaha abiri (2) y'akazi ku munsi, kugira ngo ashobore gutegura neza no

inside or outside the country is required to submit training report to the authority that authorized him/her to go for the training within eight (8) days from the end of training, and provides a copy to:

1º his/her employing institution;

2º the Ministry in charge of public service;

3º the national institution in charge of capacity building.

**CHAPTER IV: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO FOR TRAINING**

**Article 18: Facilitation to a public servant in training while working**

A public institution which authorises a public servant to pursue training inside the country while still working must, if the public servant is required to sit for tests, provide to him/her two (2) working hours per day to facilitate him/her to prepare and pursue the course.

l'intérieur du pays ou à l'étranger, est tenu de soumettre un rapport de formation à l'autorité qui a autorisé sa formation dans un délai de huit jours (8) à partir de la fin de la formation, et une copie est réservée:

1º à l' institution qui l'emploie ;

2º au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions ;

3º à l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions.

**CHAPITRE IV: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A SUIVRE UNE FORMATION**

**Article 18: Facilitation d'un agent de l'Etat en formation pendant qu'il travaille**

Une institution publique ayant autorisé son agent à poursuive une formation à l'intérieur du pays pendant qu'il travaille doit, si l'agent de l'Etat doit passer des examens, lui accorder deux (2) heures de travail par jour pour lui permettre de bien préparer et suivre sa formation.



------------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

gukurikira amahugurwa.

**Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka ku mukozi wa Leta uri mu mahugurwa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko abigenga, umukozi wa Leta uri mu mahugurwa agumana uburenganzira bwe ku kiruhuko cy'umwaka.

Icyakora, ibiruhuko byemewe umukozi wa Leta yagiye ahabwa n'ikigo cy'amahugurwa bikurwa mu kiruhuko cye cy'umwaka agafata ikiruhuko cy'umwaka kingana n'iminsi isigaye.

**Ingingo ya 20: Umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi wa Leta uri mu mahugurwa**

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 21 n'iya 22 z'iri teka, umukozi wa Leta ukurikira amahugurwa afite uburenganzira ku mushahara we n'ibindi agenerwa mu rwego rw'akazi.

Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe ashobora kugena amafaranga yihariye y'amahugurwa

**Article 19: Annual leave for a public servant in training**

Without prejudice to the relevant legal provisions, a public servant under training is entitled to the right of annual leave.

However, recognized leaves awarded to a public servant by the training institution must be deducted from the entire annual leave and the public servant is entitled to his or her remaining leave.

**Articles 20: Salary and other benefits of a public servant on training**

Subject to provisions of Articles 21 and 22 of this Order, a public servant authorized to go for training continue to be entitled to his/her salary and fringe benefits.

Instructions of the Prime Minister may determine special training benefits for public

**Article 19: Congé annuel pour un agent de l'Etat en formation**

Sans préjudice des dispositions légales en la matière, l'agent de l'Etat qui est en formation a droit à son congé annuel.

Toutefois, les vacances accordées à l'agent de l'Etat par l'institution de formation doivent être déduites au congé annuel et l'agent de l'Etat a droit aux jours restés de son congé annuel.

**Article 20: Salaire et autres avantages accordés à un agent de l'Etat en formation**

Sous réserve des dispositions des articles 21 et 22 du présent arrêté, l'agent de l'Etat admis à une formation a droit à son salaire et autres avantages.

Les Instructions du Premier Ministre peuvent fixer des avantages spéciaux accordés aux



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

agenerwa abakozi bakora imirimo ikeneye ubahanga ku buryo bw'umwihariko, mu rwego rwo kubashishikariza kujya mu mahugurwa. Ayo mabwiriza ahuzwa n'igihe uko bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 21: Koroherezwa ingendo**

Iyo umukozi wafashijwe na Leta kugura imodoka cyangwa moto, agiye mu mahugurwa akomeza guhabwa lump sum uko bisanzwe mu gihe cy'amezi atatu (3) gusa. Nyuma y'icyo gihe, agenerwa gusa igice cya lump sum kigenewe kwishyura inguzanyo ya banki.

Umukozi wese wa Leta udafashwa na Leta kugura imodoka, iyo agiye mu mahugurwa mu mahanga cyangwa imbere mu Gihugu akomeza guhabwa amafaranga y'urugendo uko bisanzwe mu gihe amahugurwa agiyemo atarengeje amezi atau (3). Iyo amahugurwa arengeje amezi atau (3), umukozi wa Leta uyarimo ntagenerwa amafaranga y'urugendo nyuma y'amezi atatu (3) ya mbere.

servants of a specific professional category while on training in the context of encouraging them to go for trainings. The Instructions are updated whenever considered necessary.

**Article 21: Transport facilitation**

If a public servant who is facilitated by the Government to purchase a vehicle or a motorcycle who goes for training continues to receive his/her lump sum as usual for a period of only three (3) months. After that period, he/she is entitled only to a portion of the lump sum meant for servicing the monthly bank loan.

A public servant who is not facilitated by the Goverment to purchase a vehicle in accordance with the Governemnt fleet Policy is entitled to transport allowance as usual if he or she goes for training not exceeding three (3) months inside or outside the country. If the training exceeds three (3) months, the public servant is no longer entitled to transport allowance after the first three (3) months.

agents de l'Etat relevant d'un secteur d'activités professionnelles spéciales pour les encourager d'aller en formation. Ces instructions sont mises à jour chaque fois que de besoin.

**Article 21: Indemnité de transport**

Lorsqu'un agent de l'Etat qui a été facilité par l'Etat d'acheter un véhicule ou une moto part en formation, l'Etat continue de lui verser le lump sum comme d'habitude pendant trois (3) mois. Après cette période, il beneficie d'une partie du lump sum destinée seulement au paiement du crédit bancaire.

Un agent de l'Etat ne bénéficiant pas de facilitation par le Gouvernement à acheter un véhicule conformément à la politique de charroi zéro, qui part en formation à l'étranger ou à l'intérieur du pays a droit à l'indemnité de transport comme d'habitude lorsque la formation va durer une période n'excédant pas trois (3) mois. Si la formation excède un délai de trois (3) mois, l'agent de l'Etat ne continue plus de bénéficier d'indemnité de transport après les premiers trois (3) mois.



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**Ingingo ya 22: Amafaranga y'itumanaho**

Umukozi wa Leta uri mu mahugurwa atarengeje iminsi mirongo itatu (30) agumana uburenganzira ku mafaranga y'itumanaho.

Umukozi wa Leta ukurikirana amahugurwa amara igihe kirengeje iminsi mirongo itatu (30) kandi ayakora atari ku kazi, ntagenerwa amafaranga y'itumanaho akoreshwa mu rwego rw'akazi.

**UMUTWE WA V: AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA**

**Ingingo ya 23: Itangwa ry'amafaranga y'amahugurwa**

Iyo amafaranga y'amahugurwa agomba gutangwa na Leta y'u Rwanda, yishingira ibijyanye n'amasomo, icumbi, amafaranga yo kujya no kuva aho amahugurwa abera, amafunguro, ubwishingizi bw'indwara, ibitabo/ibikoresho by'ishuri n'amafaranga y'ingendo zidasanzwe zijyanye n'amahugurwa nk'uko byemejwe n'ikigo gihugura umukozi.

Iyo igice cy'amafaranga y'amahugurwa

**Article 22: Communication allowance**

Any public servant who goes for training of a period not exceeding thirty (30) days continues to benefit from his/her communication allowance.

A public servant who goes for a training for a period exceeding thirty (30) days shall, while absent from work, not be entitled to any communication allowance.

**CHAPTER V: FUNDING OF TRAINING**

**Article 23: Financing of training**

If training is financed by the Government of Rwanda, the funding covers all training, transport, subsistence, accommodation, medical insurance, documentation/school equipment and special transport costs as approved by the training institution.

If the training is partially financed by the

**Article 22: Frais de communication**

Un agent de l'Etat qui poursuit une formation ne dépassant pas trente (30) jours, continue de bénéficier des frais de communication.

Un agent de l'Etat qui poursuit une formation de plus de trente (30) jours sans rester effectivement au travail ne bénéficie pas de frais de communication dans le cadre du travail.

**CHAPITRE V: FINANCEMENT DES FORMATIONS**

**Article 23: Financement de formation**

Lorsque la formation est financée par l'Etat, celui-ci prend en charge les frais de formation, de logement, de transport, de subsistance, d'assurance maladie, des livres/équipements scolaires et les frais spéciaux de transport approuvés par l'institution de formation.

Lorsque la formation est financée partiellement



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

kigomba gutangwa n'abafatanyabikorwa cyangwa umukozi ubwe, umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa ahabwa na Leta y'u Rwanda amafaranga yo kwishyura ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abafatanyabikorwa batamwishyuriye cyangwa we atiyishyuriye.

**Ingingo ya 24: Kwishyura amafaranga y'amahugurwa**

Amafaranga y'amahugurwa y'umukozi wa Leta yishyurwa hakurikijwe ibiciro biboneka ku nyemezabuguzi zagaragajwe n'ikigo azigamo.

Iyo umukozi uri mu mahugurwa atsinzwe icyiciro cy'amasomo gisabwa kugira ngo akomeze amasomo ye, amafaranga yose y'amahugurwa yishyurirwaga arahagarikwa, umukozi akiyishyurira Leta ikongera kumwishyurira iyo yongeye gutsinda.

**Ingingo ya 25: Amafaranga y'ingoboka y'urugendo rw'amahugurwa mu mahanga**

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa mu mahanga yishyurirwa byose

development partners or the public servant him/herself, the public servant who goes for training gets funds from the Rwandan Government in order to meet expenses provided for in the Paragraph One of this Article not covered by the development partners or him/herself.

**Article 24: Payment of training funds**

Training funds for a public servant are paid in respect of the prices specified on the pro-forma presented by the training institution.

If a public servant fails a part of his/her studies that may enable him/her to continue his/her studies, all the training funds are suspended and the public servant pays for him/herself and the Government pays for him/her again if he/she passes.

**Article 25: Incidental allowance for a training conducted abroad**

A public servant who goes for training abroad and who is fully sponsored by development

par les partenaires de développement ou l'agent de l'Etat lui-même, l'agent qui va en formation reçoit de l'Etat les frais pour les charges relatives aux rubriques prévus dans le premier alinéa du présent article non couvertes par des partenaires de développement ou par l'agent de l'Etat lui-même.

**Article 24: Payement des frais de formation**

Les frais de formation d'un agent de l'Etat sont payés selon les prix trouvés sur les factures pro-forma présentés par l'institution de formation.

Lorsque l'agent de l'Etat en formation échoue une partie des cours dont la réussite est exigée pour être autorisée de continuer les cours, les frais de formation qui sont payés pour lui sont suspendus, et il paie lui-même les frais de formation et le paiement lui est fait encore quand il a réussi.

**Article 25: Frais des circonstances pour une formation à l'étranger**

Un agent de l'Etat qui va dans une formation à l'étranger payée en totalité par les partenaires de



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

n'abafatanyabikorwa, ahabwa amafaranga y'ingoboka ingana n'amadorari y'amanyamerika magana abiri (200 US $).

**Ingingo ya 26: Ibarwa ry'amafaranga y'icumbi n'ayo gutunga umukozi wa Leta uri mu mahugurwa mu mahanga**

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa mu mahanga atarengeje igihe kingana n'iminsi makumyabiri n'umwe (21), kandi yishyurwa na Leta y'u Rwanda, agenerwa amafaranga y'icumbi n'ayo kumutunga abarwa hakurikijwe ikiguzi cy'ubuzima cyo mu mujyi cyangwa igihugu amahugurwa azaberamo, hakurikijwe amategeko agenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga.

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa mu mahanga amara igihe cy'iminsi makumyabiri n'ibiri (22) ariko kitarengeje iminsi mirongo icyenda (90), kandi yishyurirwa na Leta y'u Rwanda, agenerwa amafaranga y'icumbi n'ayo kumutunga hakurikijwe ibiciro bishyirwaho n'amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa mu

partners is given by the Government a fixed sum contingency of incidental allowance equivalent to a net of two hundred (200 US $) United States dollars.

**Article 26: Calculation of accommodation and subsistence allowance for a public servant who is in a training abroad**

A public servant who goes for a training abroad for a period not exceeding twenty-one (21) days and is fully sponsored by the Government of Rwanda is entitled to an accommodation and subsistence allowance calculated on the basis of the cost of living in the city or country where the training is conducted as provided for under the laws governing official missions abroad.

A public servant who goes for training abroad for a period of twenty- two (22) days but not exceeding ninety (90) days, and is fully sponsored by the Government of Rwanda, is entitled to an accommodation and subsistence allowance provided in accordance with rates established by Instructions of the Minister in charge of public service.

A public servant who goes for training abroad

développement reçoit de l'Etat une allocation forfaitaire de deux cent dollars américains (200 US $) net comme frais des circonstances.

**Article 26: Calcul des frais de logement et de subsistance pour un agent de l'Etat en formation à l'étranger**

Un agent de l'Etat qui part en formation de vingt-et-un (21) jours ou moins à l'étranger et celui-ci est financée en totalité par le Gouvernement Rwandais, a droit aux frais de logement et de subsistance calculés en fonction du coût de vie de la ville ou du pays de formation, conformément aux lois régissant les missions officielles à l'étranger.

Un agent de l'Etat qui part en formation à l'étranger financée en totalité par le Gouvernement rwandais pour une période de vingt-deux (22) jours ou plus, mais n'excédant pas quatre-vingt-dix (90) jours, reçoit les frais de logement et de subsistance suivant les tarifs mis en place par les Instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.

Un agent de l'Etat qui part en formation à



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

mahanga mu gihe kirengeje iminsi mirongo icyenda (90), kandi yishyurirwa na Leta y'u Rwanda, agenerwa amafaranga y'icumbi n'ayo kumutunga hakurikijwe ibiciro byashyizweho n'ikigo cy'igihugu gifite uburezi mu nshingano zacyo ku bijyanye no gutunga abanyeshuri b'abanyarwanda biga mu mahanga.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Amafaranga y'ingoboka ku mahugurwa y'imbere mu Gihugu**

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa imbere mu Gihugu, yishyuriwe na Leta y'u Rwanda, ahabwa amafaranga y'ingoboka ingana na:

1° ibihumbi bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (5.000 Frw) ku mahugurwa atarengeje iminsi cumi n'ine (14);

2° ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 Frw) ku mahugurwa arengeje iminsi cumi n'ine (14) ariko atarengeje iminsi mirongo itatu (30);

3° ibihumbi makumyabiri by'amafaranga y'u Rwanda (20.000 Frw) ku mahugurwa arengeje iminsi mirongo itatu (30).

for a period exceeding ninety (90) days, and is fully sponsored by the Government of Rwanda, is entitled to accommodation and subsistence allowance in accordance with rates established by the national institution in charge of education as regards subsistence allowance granted to Rwandan students abroad.

**<u>Article 27</u>: Incidental allowance on a training inside the Country**

A public servant who goes for a training sponsored by the Government of Rwanda inside the country is entitled to an incidental allowance of:

1° five thousand Rwandan Francs (5,000 Frw) for a training of a period not exceeding fourteen (14) days;

2° ten thousand Rwandan Francs (10,000 Frw) for a training exceeding fourteen (14) days but not exceeding thirty (30) days;

3° twenty thousand Rwandan Francs (20,000 Frw) for a training exceeding thirty (30) days.

l'étranger pour une période de plus de quatre-vingt-dix (90) jours financée en totalité par le Gouvernement rwandais reçoit les frais de logement et de subsistance conformément aux tarifs mis en place par l'institution nationale ayant l'éducation dans ses attributions, concernant les étudiants rwandais à l'étranger.

**<u>Article 27</u>: Frais de circonstances pour les formations à l'intérieur du pays**

Un agent de l'Etat qui participe à une formation à l'intérieur du Pays financée par le Gouvernement rwandais reçoit les frais de circonstances de:

1° cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) pour une formation n'excédant pas quatorze (14) jours;

2° dix mille francs rwandais (10.000 Frw) pour une formation d'une durée excédant quatorze (14) jours mais n'excédant pas trente (30) jours;

3° vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) pour une formation de plus de trente (30) jours.



----------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 28: Amahugurwa agikorwa**

Amasezerano y'amahugurwa ajyanye n'amahugurwa atari yarangira akomeza kugira agaciro kayo kose nk'uko yashyizweho umukono.

**Ingingo ya 29: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Ingingo 30: Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 003/03 ryo ku wa 16/01/2015 rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa n'ingingo zose z'amateka zinyuranyije n'iri teka bivanyweho.

**Ingingo ya 31: Igihe iteka ritangira**

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 28: On-going trainings**

Existing training contracts related to on-going trainings remain valid in their entirety as signed.

**Article 29: Authorities responsible for implementation of this Order**

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 30: Repealing provision**

Prime Minister's Order n° 003/03 of 16/01/2015 determining modalities for training for public servants and all prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 31: Commencement**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 28: Formations en cours**

Les contrats signés pour les formations en cours restent valides dans leur intégralité tels que signés.

**Article 29: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Articles 30: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté du Premier Ministre n° 003/03 du 16/01/2015 portant modalités de déroulement des formations des agents de l'Etat et toutes autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 31: Entrée en vigueur**



---

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**

**gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **10/06/2016**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
**Minisitiri w'Intebe**

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **10/06/2016**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **10/06/2016**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux



---------------------------------------------------------

- **Iri Teka rirasimbura iryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 24 yo ku wa 13/06/2016**
- **This Order replaces the Order published in Official Gazette n°24 of 13/06/2016**
- **Cet Arrêté remplace l'Arrêté publié au Journal Officiel n°24 du 13/06/2016**